**IKINYARWANDA**

**Itariki : 28-29/06/2022**
**Isaha : 8h30-10h30**

# IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

**UMWAKA WA:** **3**

**Amanota:** **…… /40**

**AMAZINA:**……………………………………………………………………………

**Umunsi wa mbere**

**UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI N'IKIBONEZAMVUGO**

I. **UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI**

**A. Imigani y'imigenurano / Amanota 5**

**Uzuza imigani ikurikira**

**Urugero:**

a) ……………ashima ubwe→ **Utazi ubwenge** ashima ubwe.
b) Nyamwanga kumva…….→ Nyamwanga kumva **ntiyanze kubona**.

1. ……………………………………………………gatera amatsiko.
2. Igiti kigororwa………………………………………………………
3. …………………………………………ntikamenya iyo bweze.
4. Kora ndebe……………………………………………………………
5. …………………………………………………………ni iya mweru

**B. Ibisakuzo / Amanota 5**

**Ukoresheje akambi, huza igisakuzo n'igisubizo kikica, ubyandike ukurikije urugero wahawe**

| | A | B |
|---|---|---|
| 1 | Nkubise urushyi rurumira | Ifundi |
| 2 | Sogokuru aryoha aboze | Amashyiga |
| 3 | Icwende ryange rimbaye kure mba ngukoreyemo | Ukwezi |
| 4 | Inka yanjye nyikama igaramye | Igihumyo |
| 5 | Tuvuyemo umwe ntitwarya | Umuneke |
| 6 | Abana bange bangana bose | Ibara ry'inka |
| 7 | Nshinze umwe ndasakara | Umuvure |

**Urugero:**

Nkubise urushyi rurumira →**Ibara ry'inka**

Abana bange bangana bose → **Ifundi**

1) ………………………………………………………………………………………………
2) ………………………………………………………………………………………………
3) ………………………………………………………………………………………………
4) ………………………………………………………………………………………………
5) ………………………………………………………………………………………………

**II. IKIBONEZAMVUGO /10**

A**. Shyira utwatuzo dukwiye muri izi nteruro. Amanota 5**

**Urugero:**

a) Ufite imyaka ingahe → Ufite imyaka ingahe**?**
b) Yooo Mbega umwana mwiza! → Yooo**!** Mbega umwana mwiza!

1. Umwarimu yababwiye ati: Ntimugasibe ishuri.
2. Muzadusura ryari
3. Mbega umugabo munini
4. Yaguze imboga imbuto imyenda n'udukinisho.
5. Umwana mwiza yumvira ababyeyi be

**B. Simbuza ijambo riciyeho akarongo impuzanyito ukuye mu magambo ari mu dukubo nurangiza uryandike/ Amanota 2.5**

**Urugero:**

a) **Abakobwa** ba Kamanzi ni abahanga (abakambwe, abana, **abangavu**)
b) Yagize amanota meza **aranezerwa (** araseka**, arishima ,** ararakara)

1. Uyu mwana akunda **ibiryo**. (amata, amafunguro, imineke)
……………………………………………………………………………………………
2. Iwacu duturanye n'**umukungu**. (umunebwe, umworozi, umukire)
……………………………………………………………………………………………
3. Yagize amanota meza **arishima.** (araseka, ararakara, aranezerwa)
……………………………………………………………………………………………
4. Abanyeshuri basabwa gukora **bwangu** imyitozo bahawe. (vuba, buhoro, cyane)
……………………………………………………………………………………………
5. Kubwimana yigana **umwete** amasomo ye yose. (umuhanda, umwanda, umurava)
……………………………………………………………………………………………

**C. Simbuza amagambo aciyeho akarongo mu nteruro imbusane zayo. Amanota2.5**

**Urugero:**

a) Tuzaruhuka mu **mpera** z'uku kwezi →Tuzaruhuka mu **ntangiriro** z'uku kwezi.
b) Ibitabo bye abibika **munsi** y'ibyange→ Ibitabo bye abibika **hejuru** y'ibyange.

**1.** Higiro yiga **hafi** y'iwabo → **…………………………………**
**2**. Keza **ababazwa** n'iki? → **…………………………………**
3. Kamana yabaye **umukene.** → **…………………………………**
4. Uyu mwana agira **isuku.** → **…………………………………**
5**. Abahungu** bakunda gukina. → **…………………………………**

**Kagoma Nyaburanga**

Kagoma Nyaburanga yiberaga mu ishyamba rya Gishwati.

Ikaba inyoni nini cyane ndetse iteye amabengeza.

Yakundaga abaje gusura ishyamba ikabaririmbira ikumvwa na bo.

Umunsi umwe ihura n'abakerarugendo baje gusura u Rwanda.

Itangiye kubyina igishwi kiza gihomvomvwa ntiyakitaho.

Irabakira, irabataramira nk'uko byari bisanzwe.

Bayibaza aho yigiye ubwo bupfura n'ubukesha.

Ibasubiza ko ari indangagaciro nyarwanda.

Abakerarugendo batashye bishimye, banahigira kuzagaruka gusura u Rwanda.